

# Imfashanyigisho ngufi ku gusuzuma amabere



## Gusuzuma amabere ni iki?

Gusuzuma amabere (ibizamini byo gukora isuzuma ry'amabere) bikoresha imirasire ya X-ray kugira ngo barebe kanseri ntoya cyane yaba iri mu mabere idashobora kubonwa cyangwa kumvwa n'umugore cyangwa umuganga we. Kanseri y'ibere igaragara ikiri nto cyane biroroha kuyivura.

### Gukora isuzuma ry'amabere hamwe natwe

ni ubuntu

Bimara iminota iri munsi ya 30

iboneka hose muri Queensland

ntabwo ikeneye ko woherazwa na muganga

Kugira ngo urebe videwo ivuga uko bigenda mu isuzuma ry'amabere sikana kuri kode ya QR iri hasi. Ushobora kandi kujya kuri [breastscreen.qld.gov.au](http://breastscreen.qld.gov.au) ugasangaho iyo videwo ku ipaji ya 'Having a breast screen' (Gukora isuzuma ry'ibere).

### Ni bande bashobora gukorerwa isuzuma ry'amabere?

Dutanga ibizamini byo gusuzuma amabere ku bagore\* bafite imyaka 40 n'abayirengeje, kandi batigeze babona impinduka ku mabere yabo.

\*n'abantu bafite ibitsina bitandukanye bujije ibisabwa, nk'uko byasobanuwe kuri [breastscreen.qld.gov.au/should-i-screen/who-can-have-a-breast-screen](http://breastscreen.qld.gov.au/should-i-screen/who-can-have-a-breast-screen)



## Kumenya amabere

Kimwe n'andi masuzuma yose, gusuzuma amabere ntibishobora kubona kanseri yose y'amabere. Ni ngombwa ko umenya uko amabere yawe asanzwe asa n'uko amera kandi niba ubonye ko hari icyahindutse, jya kwa muganga.

## Ese uri hagati y'imyaka 50 na 74?

Gukora isuzuma ry'amabere ni byiza cyane ku bagore bari muri iki kigero cy'imyaka. Abagore benshi bari hagati y'imyaka 50 na 74 bagomba gusuzumwa amabere buri myaka 2.

## Ese uri hagati y'imyaka 40 na 49 cyangwa 75 kuzamura?

Hari ibyago n'ibyiza bitandukanye byo gusuzuma amabere ku bagore bari muri iyo myaka. Ganira n'umuganga wawe kugira ngo umenye niba ukwiriye gukorerwa isuzuma ry'amabere.

## Uri munsi y'imyaka 40?

Ntabwo dutanga ibizamini byo gusuzuma amabere ku bagore bari munsi y'imyaka 40. Gusuzuma amabere ntabwo ari ingirakamaro ku bagore bari munsi y'imyaka 40 kandi ibyago byo kurwara kanseri y'amabere biba biri hasi cyane.

## Ibisubizo

Abagore hafi ya bose bohererezwa ibisubizo byabo mu gihe cy'ibyumweru 2 nyuma yo gusuzumwa amabere. Tuzohereza muganga wawe ibisubizo byawe niba waraduhaye amakuru ye. Niba ukeneye ibizamini byo gukurikirana, umwe mu baforomo bacu azaguhamagara kugira ngo akubwire uko bizagenda nyuma.

Abagore 6 gusa mu bagore 1000 bose baba barakorewe isuzuma ry'amabere, ni bo baba barwaye kanseri y'ibere.

Kugira ngo utegure gahunda yo kubonana na muganga cyangwa ukeneye ibindi bisobanuro, jya kuri **breastscreen.qld.gov.au** cyangwa uhamagare **13 20 50**



Hamagara **13 14 50** kugira ngo uhabwe umusemuzi



Queensland Government